Mana Nyagasani nikinze ku kwishimirwa nawe ngo undinde uburakari bwawe, no kurokora kwawe ngo undinde ibihano byawe, kandi nanakwikinzeho ngo undinde ibibi byambaho biguturutseho, sinarondora ibisingizo ukwiye, ahubwo bingana nk'uko wabyivugiye ubwawe

Hadith yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabuze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu ijoro mu buryamo, nuko ndakorakora ibiganza byanjye bikora ku birenge byayo yubamye iri gusali ivuga iti: "Mana Nyagasani nikinze ku kwishimirwa nawe ngo undinde uburakari bwawe, no kurokora kwawe ngo undinde ibihano byawe, kandi nanakwikinzeho ngo undinde ibibi byambaho biguturutseho, sinarondora ibisingizo ukwiye, ahubwo bingana nk'uko wabyivugiye ubwawe."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari ndyamye iruhande rw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko mu ijoro sinayibona ndakorakora, maze intoki zanjye zikora aho yari iri yubamye, ishinze ibirenge byayo, isaba igira iti: Mana Nyagasani nikinze ku kwishimirwa nawe no kwishimirwa kw'abayoboke banjye ngo undinde uburakari bwawe, no ku bw'imbabazi zawe nyinshi ngo undinde ibihano byawe; Nanikinze ku bisingizo byawe byiza byuje ubutagatifu n'ubutungane, byo ubyifashishije uramurinda; nta buhungiro nta n'amirukiro uretse iwawe. Sinarondora ishimwe n'ibisingizo ukwiye kuko ntabishobora nkuko bikwiye n'ubwo nakoresha imbaraga zingana zite, Ahubwo ni nk'uko ubwawe wavuze ibisingizo byawe bigukwiye, none ninde wundi wabivuga kukurusha?!

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3566